	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR163I172v0
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe UKUBOZA 2007
IFISHI YA TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : IBISHEKE		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	AJENDA Y'UBUHINZI / MINAGRI

Itariki inyandiko yasohokeyeho	2002

Umubare w'amapagi	2

IFISHI YA TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : IBISHEKE

1. Aho bikunda: Imbo, Mutara, ibishanga by'Akanyaru na Nyabarongo

2. Ubutaka: - bufite imborera n'ibumba bihagije;
- ubutaka bwarunzwe n'isuri mu gishanga

3. Amoko: Pindar, Nco 410, F 146, F 156, Soudan na Condon n° 8

4. Ifumbire y'ibibora: kurunda imitwe n'amababi y'ibisheke byabora bakabifumbiza

5. Igihe cy'itera: - Ukuboza na Mutarama;
- Kamena na Nyakanga.

6. Igerambuto: ingeri 3 kuri m, ni ukuvuga ingeri za cm 20 zitandukanijwe na cm 10, mu gaferege ka cm 10 z'ubujyakuzimu, uduferege dutandukanywa na m 1,20.

7. Kubikenura: kubagara no kumenera cyane cyane mu kwezi kwa mbere bamaze gutera.

8. Ifumbire y'imvaruganda:

a) Ifumbire ifata umurima:

- imyanda ituruka ku bisheke bitunganywa (usibye umushonge uhabwa amatungo) mbere yo gutera ibisheke.
- Kg 3 za Ire kuri ari 1 igihe batera.

b) Ifumbire ikuza ibisheke:

- NPK : Kg 100 - 60 - 150 kuri hegitari ku bisheke bitaratemwa na rimwe
- NPK : Kg 130 - 70 - 150 kuri hegitari ku bisheke by'ibishibuka
- Ubu buryo bubiri: bukorwa nyuma y'ibyumweru 2 cyangwa 3 bamaze gutera cyangwa se igihe bikura cyane (hagati y'amezi 3 na 10 ibisheke bitewe), cyangwa se nanone nyuma y'isarura.

9. Indwara n'udukoko:

a) Ukubabuka kw'amababi:

Aho bifata: amababi

Ibimenyetso: ibidomo birebire bimeze nk'umwashi kandi bito mu bugari bifite mm 20 kuri mm 3, bisa n'umuhondo weruruka, hagati bigasa n'ikigina gishyira umutuku.

Kuyirwanya: - gutera amoko ayirwanya nka Pindar;
- gutera umuti wa Dithane M45, g 40 muri litiro 20 z'amazi kuri ari 4

10. Igihe byerera: - *gusarura bwa mbere*: inyuma y'imyaka 2, hanyuma bagahora basarura buri gihe nyuma y'imyaka 2;
- *nyuma y'imyaka 6 kugeza ku 8* : ibisheke biba bishaje bigomba kurimburwa.

11. Umurumbuko:- Kg 800 kugeza kuri Kg 1.200 z'ibisheke kuri ari 1
- Kg 10 z'ibisheke zibyara Kg 1 y'isukari

12. Guhunika: isukari ihunikwa mu mifuka yabigenewe, igashyirwa ahantu hadakonje.